# Amatora




- Abanyamerika bazatora perezida w'Amerika n'abandi bayobozi batorwa tariki ya 5 Ugushyingo 2024. Kuri uyu munsi, ushobora kubona imirongo miremire y'abantu bategereje gutora. Gutora bibera mu nzu za leta cyangwa ahantu hagenzurwa nko ku mashuri, ahaparikwa imodoka zizimya inkongi y'umuriro no mu nsengero.
- Mu minsi iganisha ku munsi w'amatora, ushobora kubona ubutumwa bugufi bujyanye na politiki cyangwa guhamagarwa kuri telefone cyangwa abantu bari gukomanga ku rugi rwawe bari kwamamaza abari kwiyamamaza. Ntugomba kubasubiza.
- Ibuka ko utari umunyamerika, ntushobora gutora no kwiyandikisha kugira ngo utore kandi kubikora bifite ingaruka zikomeye, harimo kubura sitati yawe cyangwa kugarurwa mu gihugu wavuyemo.
- Abanyamerika bumva bakomeye ku bo bashyigikira bahatanira umwanya wa perezida. Ushobora kubona abantu benshi bateranye bagaragaza ko bashyigikiye umwe muri abo bakandida mbere cyangwa nyuma y'amatora.
- Ushobora kubona abantu benshi bateranye bigaragambya cyangwa bishimira iyo ntsinzi. Itwararike ahateraniye abantu benshi.
- Nuhitamo kwigaragambya ntuzagende wenyine kandi ukwiye kwitwaza ibikurikira: Agapfukamunwa, amazi, ibyangombwa bikuranga, umuti usukura intoki na nomero zihamagara hari ibyihutirwa.
- Niba wumva ako kanya utewe ubwoba cyangwa wasagariwe, hamagara 911. Igihe umaze kugera ahantu hatekanye, hamagara umuryango wa IRC kugira ngo tuguhe ubundi bugufasha mu gukora raporo ishyikirizwa polisi.

*Source: IRC U.S. Resettlement*
*October 2024*